RWANDA RESONANCE

# KANGURA

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

Bimensuel
Indépendant

N° 013

27 UGUSHYINGO 1992

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1318 - Kigali
RWANDA

## Ngo Kiliziya yakuye kirazira.




**Muri mirongo inani HABYARIMANA baramubwiye ntiyumva kandi ibintu byari bigifite igaruriro, bimaze kuba agasitswe ati: Ndi IKINANI...**

# PEREZIDA WA MUVOMA YATANGIYE KWIYAMAMAZA.

Mitingi ya HABYARIMANA kuwa 10/6/1992 yatangiriye yabohoje rubanda rugufi hafi ya Nyamagumba mu Ruhengeri, ahanigiwe abari barakoreye M.D.R. Parmehutu. Kwari ukubatongera ngo bapfe bapfuye. HABYARIMANA Yuvenali n'Interahamwe ze, barahuye baragomerana bashinyagurira impunzi n'abana bazo, bategeka n'abacuruzi kwisakamo amafaranga yo kwambika Interahamwe ngo zibone uko zizamanuka na Shebuja gusubiza rubanda rugufi muri Muvoma rwabishaka rutabishaka nkuko byari bimeze. Harahagazwe.

Mu magambo yavuzwe harimo na ririya ryo "kumanuka". Umuntu yakwibaza impamvu batabanza kuzamuka muri za Butaro, Kivuye n'ahandi bakirukanayo turiya dukotanyi, maze bakamanukira rimwe. Buriya se HABYARIMANA azatinyuka kwiyamamariza mu gihugu cy'igice?




*Aramanutse Rutararinkaba rwa Mayere, akaba Interahamwe y'Intera-ntimba cyane. Abo mu majyepfo nimudakumira icyorezo murashize.*




Ku bavanywe mu byabo n'intambara byo n'agashinyaguro nk'akandi; HABYARIMANA atota abacuruzi ngo nibambike Interahamwe impunzi zicwa n'umusonga. Abeshyeshya abana amakaye ya gasuku. Ese iyo aba aribo agenera amajyora yenda kwiga bakazajya bafata mu mutwe? Ariko aha ndibeshye IMPRISCO ifite menshi niyifuza umusanzu ntazabura Interahamwe iwutanga. Kandi na gasuku ntihenda. Ariko se azatanga ikaye nta karamu? Ngo abanyarwanda twigabanye abo bana. Yego impuhwe ntizibuze. Ariko n'abacu barakubitirwa kuryama ngo dutunge n'ab'impunzi. Ese we yamanukanye bangahe? Dore aba akwiye gutanga urugero gufatamo benshi.

1. Madamu mukuru wa "Z" Ngo ntiyigeze ashyira ingobyi imugongo. Kandi ngo akunda abana.
2. Matayu NGIRUMPATSE. Arera n'abazungu ntiyanena ab'impunzi.
3. MUSENYERI Visenti NS NGIYUMVA, afite ikigo St Pa kibamo ubusa ntiyabura aho ab raza. Yanasaba imfashanyo i butse abitwaje akazisigariza ay'umuvinyo.
4. NZIRORERA Joseph afite kio que hirya no hino zishoma na ntiyabura aho barara. Byonge kandi yaba yishyuriramo ayo y huguje igihugu bajya bamush nja.
5. Perefe RENZAHO. Inzu z'abat tsi ba Assinapol, KAJEGUHA KWA na MAJYAMBERE yat mye bavidura (vider), ni hahand nibagaruka bazishyuza ibyarim n'ubukode. Ikiruta ni ugushyir mo izo mbabare aho gukodesh reza inzu ibihunyira cyangwa ib tagangurirwa.
6. SIMBIKANGWA: Gisida yam tesheje umugore no kubyara shatse yafatamo bake akiyibuts ububyeyi.

Ubusanzwe, abanyarwand twajyaga dufatanya. Ariko ni byose tugiye kubihindura Porit no kwiyamamaza, ubanza ibyari mpuhwe bizaba umujinya. Iby byose kandi mbaye aka wa mun mbyi ati: Biterwa n'izima ryabo.

Umusomyi w'Umuran
Nyarugenge-Kig

# MRNDD NA TWA DUSHYAKA TWAYIGWAGA KU KWAHA BASHYIZE IBYABO KU MUGARAGARO.




- Tariki cumi n'ebyiri Ugushyingo; amashyaka PADER, CDR, PECO, MRND na PARERWA bashyize ahagaragara amasezerano yanditse yo gufatanyiriza mu cyo bise «Alliance pour le renforcement de la Démocratie».

**Ayo masezerano yasinywe na :**

- PARERWA : MUSHIMIYIMANA Michel
- MRND : RUGIRA Amandin
- PADER : NTAGUNGIRA J.B.
- CDR : BUCYANA Martin
- PECO : Dr. BUTERA J.B.

Nyuma yo gusinya, BUCYANA na RUGIRA baridomokeye, abasigaye hongeyeho RUKUSANYA na BARAYAGWIZA batumije ikiganiro mbwirwa-ruhame muri HOTEL DES DIPLOMATES. Yitabiriwe n'abanyamakuru.

Iyo alliance ngo yaba igamije kungurana ibitekerezo kandi ngo abayitekereje bahereye aho ARUSHA III ibageze; baritegura kuzanga amasezerano imishyikirano ya ARUSHA izageraho (Niramuka yirukanye HABYARIMANA). Iyo Alliance dukurikije uko umunyamakuru wabajije yasubijwe, ngo ntawe uyitegeka (yaba Comité yaba n'umuntu muri yo) izaba ifite. Za zonzi za Karemera zirashyize zirarotowe. Igihindugembe cyarabonetse. Alliance NIYONKWE !!!

Mu bibazo bifite ireme byabajijwe hari icyari kigamije kubaza MRNDD cyane cyane impamvu itafatanyije kare kose n'izindi ngufu ziharanira Demukarasi mu gihugu. Hari n'icyari kigamije kubaza niba MRND itazizimba cyangwa ni icyo alliance izakora ngo umutekano ugaruke.

- Kubyerekeye gufatanya na «Forces de changement» Karemera yavuze ko : Amashyaka avigize atashatse MRND.Awa !!!

- Kubyerekeye kwizimba kwa MRND ho yavuze ko MRND imaze kumva ko ingana nandi mashyaka. Ngo ireshya na PECO, PARERWA, PADER na CDR. TUKIBIVUGA !!!!

Igitangaje ariko bavuga ko ibijya gushya bishyuha. Muri icyo kiganiro MRND yavuze mu gice kingana na bitatu bya kane by'igihe bari bafite. Biratangiye. Abandi ngo ibyo KAREMERA avuga ntacyo bongeraho. Abo ni PECO, PADERI, PARERWA, CDR yo yaramusaranaga ngo yibagiwe ibi. Umunyamakuru MONGI Tito we yabajije urukoza soni : Ngo bamubwire niba KIGELI yarahaye BIZIMUNGU Pasteur uruhushya rwo gusinya mw'izina ry'abatutsi ? Nibase KIGELI atari inkotanyi, Leta ikaba ijya impaka nazo, ibya Kigeli biza gute ? Ayo mashyaka ajye amenya inzego ibintu bigomba kubamo. KAREMERA ajya guhuhura ibintu, yavuze ko noneho ubwo bibumbiye hamwe ari batanu, MDR; PL; PSD ntibazongera kubaganza. Yibagiwe ko amashyaka yose ari 16. Ko hasigaye 11, havuyemo MRNDD na ziriya ndahekana zayo. Ikindi kandi ubwinshi n'uburemere bw'ibitekerezo busumba kure ubwinshi bundi mu byo gutegeka. Ufashe Indogobe miliyoni, umushumba umwe yaziyobora bitamugoye. Ibitekerezo bihamye d'abord !!

Kutigira muri icyo kiganiro mbwirwa-ruhame, ni ukunyagwa zigahera. Uwagezeyo yumvise ko MRNDD ntacyo yiyunguye hagati aha, kandi ko na CDR ari ibigambo cyakora icyo nabonye, ayo mashyaka akeneye ihugurwa.

- Nka PADER ikeneye umuntu ushobora gukurikirana conférence neza. Ntizi gutandukanya ababajije ibibazo ngo imenye abo isubiza. Aho gusubiza Imbaga bayigeneye yayitiranije n'Umurava Magazine.

- PECO ikeneye ushobora gusubiza nibura mu ndimi officielles ziri mu Rwanda. Bayisabye gusubiza mu gifaransa, iteza ubwega ivuga ngo ntibayiseke izi gikeya. Umva !!!!

Ikinyamakuru «ZILIKANA» cya CDR cyo gikeneye udahuragura ibigambo. Ngo ARUSHA ni «inyenzi zibonana n'izindi». Zari zikeneye ARUSHA se kandi zishobora kubonanira no mu Ruhengeri cyangwa i BYUMBA mu gihugu cyazo ? Ese n'intumwa za MRNDD zijya ARUSHA ni inyenzi ? Ibyo byose ni ibibazo.

Hari uwavuze ko KIGELI yari UMWAMI W'ABATUTSI. Ubona iyo avuga ko yari UMUTUTSI. Ubundi yari UMWAMI W'U RWANDA !!! Ibyo byose ariko, ikibabaje ni kimwe : Imvugo yariya mashyaka isa n'imwe ya HABYARIMANA mbere y'intambara yikangaza ngo ntiyagirana imishyikirano n'abamurasaho. Amashyaka ye nayo aracyatseta ibirenge bene ako kagene.

Ndetse CDR yo yarihanukiriye ngo yakwirukana FPR. Yazamutse se ikayiturumbura muri «INKOTANYI-LAND nabonye muri KANGUKA ? Muri make, Alliance ziragwira iyavutse le 12/11/1992 nzaba mbarirwa ibyayo. Iramenye ntizabe iyo gukingiriza HABYARIMANA ngo bamufatane n'ahasigaye. Ni mukinguruke baduhe amahora. Nawe se MRND n'Interahamwe iti amahoro n'ubumwe n'imishyikirano, CDR iti nta butuci dushaka nta mishyikirano PADER y'abicanyi b'Ibicumbi, PARERWA ya Ruhotozi w'i Murambi, PECO ya ba Bagosora idashaka imishyikirano n'abantu bityo ikagaragaza ko idashobora kurengera abadukikije ngo izarengera ibidukikije, urwo rusukume murumva rushobora kubaka koko ? Nkeka ko uruvange rw'isima n'icyondo rurutwa no kubakisha kimwe ukwacyo.

BAZIBONERA

# INTERAHAMWE ZO MURI MINITRAPE ZIRASHAKA KUMARA ABANTU.



*Dore uko Interahamwe na CDR bagenza aba JDR. Aha ni ku Kimihurura hafi y'ikigo cy'abajepe.*

Nkuko bimaze iminsi bigaragara mu mpapuro z'amataragiti, abatavuga rumwe n'interahamwe muri Minitrape baragatoye. Munyandiko bise ngo «Mburire ibyigomeke» baratuma kuri KARAKE Kaniziyo, MUKAMPUNGA Koreta, NYABYENDA, ABUDURU HATEGEKA, MUKANKURIZA, KAYIRANGA na NGABONZIZA Gallican ko bazabahitana. Ubusambo bw'ububandi abazamanukana na HABYARIMANA ntibatinya kubwira abantu ngo nibarunde amafaranga aha n'aha cyangwa tubice. Nguko uko interahamwe zizamamaza HABYARIMANA, wa mugabo utazi gutandukanya ibye, iby'igihugu, n'iby'akazu ke yitirira MRND. Yashoborwa na Ngulinzira usibye ko nyine yanga akibera Rutumvincuro. Ngo Grenade ntizihenda?? Yababababa. HABYALIMA !!!!! Interahamwe zawe niko gutsindwa kwawe Peee.

# UMUTUTSI CDR BAKUNDUKIZE NASIGEHO GUTEZA INTAMBARA Y'AMOKO I KADUHA.

Kugeza magingo aya Perefegitura ya Gikongoro iratuje mu ruhando rw'amashyaka menshi. Amashyaka yigaragazamo ni M.D.R., P.S.D., P.L. na M.R.N.D. Ishyaka M.D.R. riri ku isonga mu kuganza hose muri Perefegitura. Ayo mashyaka uko ari ane nta mvururu ateza mu baturage. Yewe na M.R.N.D. yayogoje igihugu n'Interahamwe zayo yafashwe n'umususu muri Gikongoro kuko iryo shyaka ryahemukiye cyane abatebo bakaba bararyeretse umwanya waryo. Igiteye inkeke mu mutekano wa M.D.R. muri S/Perefegitura Kaduha ho mu Bunyambiriri n'uriya mu C.D.R. w'umututsi BAKUNDUKIZE Tharcisse ukomeza gutoteza ku buryo bukabije Impirimbanyi za M.D.R. Ubundi uriya mututsi niba ari muzima ntawamenya. Yoherejwe i Kaduha bamuhungisha ku Gikongoro aho yenderanyaga n'abasirikare abacyurira ngo bamaze «benewabo b'Inkotanyi» Aho agereye i Kaduha yirirwa azerera mu modoka ya P.D.A.G., (umushinga w'ubuhinzi wa Gikongoro akoramo) u Bunyambiriri abiba imbuto z'amacakubiri mu moko. Wagirango hari uwamutERereje abarwanashyaka ba M.D.R. Imvugo ahorana mu kanwa aho ababonye hose ngo ni «ziriya mbwa za abahutu» !!!

Ubundi uriya BAKUNDUKIZE, nta shyaka rizwi umuntu yavuga ko akorera. Iyo arikumwe na Perezida wa P.S.D. NZAMURAMBAHO Frédéric, Minisitiri w'ubuhinzi n'ubworozi amubeshya ko ari muri P.S.D., yagera mu batutsi bene wabo akavuga ko ari muri P.L. Icyakora akangisha ko ashyigikiwe cyane na Minisitiri NZAMURAMBAHO, ntacyo ngo yikopa kuko ngo adashobora gutsimburwa i Kaduha. Ikindi iyo amaze gusoma ku gatama, yamamaza F.P.R. Inkotanyi kandi akavuga ko ariyo arimo, ngo aho izaza izarimbura imbwa z'abahutu bo muri M.D.R. Kuba muri F.P.R. n'uburenganzira bwe, icyo agomba kumenya nuko atagomba kuyikangisha akomeza gushotora abandi. Barabivuze ko abashederi ba batutsi kimwe n'abahutu aribo bakururira igihugu ibyago. Iby'uriya mu C.D.R. BAKUNDUKIZE bimaze kuyoberana i KADUHA. Akwiriye kwisubiraho akareka gushotorana kuko abanyagikongoro batifuza amahane mu moko yakururwa nawe kandi kugeza ubu abatebo babanye neza. Impirimbanyi za M.D.R. z'i MUSANGE ngo zimaze kumurambirwa, ngo zeramwihanije, ntakomeze kuzikora mu jisho.

E.H.

# POLITIKI S'UGUHUBUKA.

Kwinjira muri politiki no kujya mu isoko cyangwa mu kabari biranyuranye. Abagore nibiyubaha natwe tuzabubaha. Naho gusaragurika ngo ni abashirukazi ngo ni abana b'abasirikari ngo barakora politiki byo ni ukudusetsa. Reka tubagayire n'abagiye gushyira iterabwoba ku bashushanya ngo nibabireke. Nabwo ni ubushizi bw'isoni tutazihanganira. Dore ahubwo tubakosore : vuga uti : Umuntu w'igitsina gore, komatanya uti Abari n'abategarugori se, cyangwa se ahari, uti abanyagitsina gore.

Nimwitabaze abo mu rutonde babarwaneho, naho nimukomeza kutubwira ngo igitsina gore cyagize gitya, cyagizwe gutya, tuzumva icyo gitsina nyine. N'abagabo bumvireho. Ba Rwaka bo muri PDC nabo bumve ko kwidundarika twavuze aribyo. Bidundaritse mu kazu k'abashiru reka s'ikudutuka bivayo, none Ikinani kibabwiye kiti mubise C.D.R. ibarusha kwica ngo noneho twinjiye mu mpuzamashyaka. Si politiki ya Mbuzokongira ? Mujye mwemera tubavuge uko muri. Isibo nayo itubwira ko idashaka guterana amagambo, nireka gusopanya Impirimbanyi tuzaruca turumire.




Umurangi.